# 216: Singishak’ubutunzi Bwo mur'iyi si mbi

1.

Singishak’ubutunzi Bwo mur'iyi si mbi; Ndifuz’ubwo mw ijuru No kuzagerayo. Mu gitabo
cy'ubwami Cyanditswemw abera, Mbese, Yesu Mukiza, Jye wanyanditsemo ?

Ref:

Mu gitabo Cyawe, harimw iryanjye se ? , Mu gitabo cyubwami, Mbese,
nanditmemo ?

2.

Mfit’ ibyaha bingana N'umuseny’ ubwinshi. Ngwino, Yesu ubirohe Mu maraso
yawe. Wadusezeranije Yukw ibyaha byacu, Nahw ari nk'umuhemba, Ng’ uzabyeza dede.

3.

Har' umurwa mw ijuru Urimw inzu nyinshi; Nta n'ikibi kibayo.N' ah’abacunguwe.
Ubwo nogejw’ibyaha Mu maraso yawe, Nzi ko wandits' iryanjye Mu gitabo cyawe.
Mu gitabo Cyawe,iryanjye ririmo: Mu gitabo cy'ubwami, Mbese, nanditmemo ?

Visit us at indirimbo.com